157

D II GÉNÉRALITÉS

RAPORO Y' UBUTUMWA I NYANZA

1998

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

## FICHE DE TRANSMISSION :

DESTINATAIRE PAE

EXPEDITEUR DCA

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

1/ Soma iyi dossier.
2/ Intérêt évident pour la DCA, donc PAE.

Date 20/4/98

Signature [signature]

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO,UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
Tél. : 8 35 27
Fax : 8 55 62.

Kigali, 19/3/1998

## RAPORO Y'UBUTUMWA I NYANZA.

Itariki ya 19/3/1998, Bwana Yohani MUKIMBIRI yagiye mu butumwa i Nyanza. Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yari yamusabye kwereka Umuyobozi w'Ubushyinguranyandiko ari we Aaron RUHIMBYA, Ingoro yo ku Rwesero y'Umwami RUDAHIGWA, kugira ngo ibe yagirwa Inzu ndangamuco y'Ubushyinguranyandiko "Archives Nationales".

Bwana Yohani MUKIMBIRI yaboneyeho gukorana na Innocent HABIMANA ushinzwe Cercle Drhyvers y'i Nyanza. Iyi ni inzu ndangamuco isomerwamo ibitabo. Yabashije kandi gukorana n'umunyamabanga wa Centre Rukali (= Ingoro ya mbere y'Umwami Rudahigwa). Uwo munyamabanga ni Madame UMUTESI Céline. Umuyobozi wa Centre Rukali, ari we Yohani Baptiste NKULIKIYINKA ntiyabonetse, yari yagiye mu yindi mirimo. Nawe Umuyobozi w'Umuco yari yifuje gukorana na we.

Raporo dutanga ni iy'ibyo twaganiriye n'abo bakozi babiri b'ibigo ndangamuco biri i Nyanza.

Raporo yerekeranye n'Ubushyinguranyandiko mu Ngoro yo ku Rwesero izatangwa na Bwana RUHIMBYA Aaron.

Abakozi bo mu bigo by'i Nyanza bagize inkuru bagezwaho.

1) - Bamenyeshejwe ko uyu mwaka 1998 Ingengo y'Imari y'Amajyambere "Budget de Développement" yageneye 19.000.000 Frw "Centre Culturel de Nyanza". Akazasana ikigo.

- Imikoreshereze yayo - Innocent HABIMANA
- Jean Baptiste NKULIKIYINKA

bari bakwiye kuza kuyiganiraho n'abashinzwe igenamigambi muri Minisiteri. Abashinzwe "Division Patrimoine Culturel" nabo babamo. Bazaza muri Minisiteri tubereke uwo bakorana iyo dossier. Ni Isaac BITWENGE wo muri "Planification".

2) Hari "Séminaire National" duteganya itegura "Ballet National". NKULIKIYINKA Yohani Batisita asabwe gutegura inyandiko yadufasha muri iryo hugurwa rishyiraho "Ballet National" kuko azwiho kuba ari impuguke muri byo. Abo bakozi bazamugezaho ubwo butumwa.

3) Yohani Batisita NKULIKIYINKA twamusabye gutegura << Signalement du personnel>> y'abakozi ba Centre "Rukali" na "Cercle Drhyves", ku mwaka w'1997.

4) Umwenda Minisiteri ifitiye uherutse kwubaka, gusana "Centre Rukali" uzishyurwa. Uwubatse azaze muri Minisiteri abonane n'uwitwa Juvénal NDAYISABA, amutunganyirize ibyerekeye umwenda Minisiteri ifitiye uwo mwubatsi.

5) Mu rwego rw'ubufatanye hagati y'u Rwanda n'igihugu cy'u Bufaransa, haraye hashyizweho Amasezerano y'ibigo ndangamuco. "Appui à l'environnement francophone au Rwanda".

Nyanza izabona inkunga y'ibitabo binyuranye, ishobora no kubona "antenne parabolique na Télévision". Tugiye rero kuzahura "Centre Culturel de Nyanza" izwi mw'izina rya Cercle DRHYVES. Tuganira n'abakozi kandi, umubitsi w'ibitabo bya "Cercle Drhyves" HABIMANA Innocent yatugejejeho ko asaba umukozi umufasha iyo "Bibliothèque". Bakaba babiri. Hakenewe kandi umuzamu wajya ucunga uwo mutungo w'ibitabo. Twamusabye gushaka abo bakozi, maze akabigeza kuri Minisiteri.

Twibutse ko raporo y'ubushyinguranyandiko i Nyanza Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Icyiriritse azayigezwaho na Aaron RUHIMBYA.

**Icyitonderwa** :

Turasanga ariya mafaranga 19.000.000 Frw yafasha gusana Cercle Drhyves na Centre Rukali zombi. Isaac BITWENGE, Jean Baptiste NKURIKIYINKA, Innocent HABIMANA, Jean BUTOTO na Séverin SEKUBUMBA bakwiye kwicarana, maze bigakorwa muri ubwo buryo, bakorana na "Tender Board". Ikindi gikomeye, ni uko ariya mafaranga yavamo igice kigura ibintu byose byasa n'ibyahoze mu Ngoro y'Umwami RUDAHIGWA "intebe, uduseke, amacumu n'ibindi", maze ariko bikandikwa ko ibya mbere byatwawe n'intambara.

Kigali, ku wa 20/3/1998

**Yohani MUKIMBIRI,**
Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

MUKIMBIRI Jean
Directeur Culture & Arts
MIJESCAFOP